

## **Amaze ibyumweru bibiri mu bitaro kubera gukubitwa n'umuyobozi**

Yanditswe kuya 9-02-2012 - Saa 12:00' na [IGIHE.com](http://IGIHE.com)

*Umukecuru Mariya Roza Nyiramanegurwa wo mu Kagari ka Rusagara mu Murenge wa Mbazi mu Karere ka Huye avuga ko yakubiswe ndetse agakomeretswa n'ushinzwe ubukungu n'iterambere muri ako Kagari.*

Uyu muyobozi we arabihakana akavuga ko yahutajwe n'abandi baturage mu gihe inzego z'ubuyobozi bw'ibanze zari mu gikorwa cyo gukangurira abaturage ibijyanye n'ubwisungane mu kwivuza.

Umukecuru aho arwariye ku bitaro bya Kabutare yemeza ko yakubiswe n'uwo muyobozi akaba ari byo byamuviriyemo kuba ari mu bitaro.

Ibyumweru bigiye kuba bibiri uyu mukecuru wo mu Mudugudu w'Agasharu mu Kagari ka Rusagara ajanywe mu bitaro bya Kabutare. Abaturanyi b'uwo mukecuru Nyiramanegurwa bavuga ko arwaye azira ingaruka zo guhutazwa n'umuyobozi ushinze iterambere, ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage mu Kagari ka Rusagara witwa Nshimiyimana Donat ku buryo byaviriyemo uyu mukecuru gukomereka.

Nshimiyimana avuga ko atigeze akora kuri uwo mukecuru, ngo ashobora kuba yarahunajwe na bagenzi be bahungaga mu gihe ubuyobozi bwari mu gikorwa cyo gukangurira abaturage kwitabira ubwisungane mu kwivuza.

Yagize ati : "Binatye isoni iyo bavuga ngo yarahunajwe cyangwa se yarakubiswe. Ntabwo umukecuru w'imyaka 80 cyangwa 90, yahohoterwa agakubitwa kugeza agiye mu bitaro. Ntabwo aribyo."



Nyiramanegurwa Mariya Roza mu bitaro bya Kabutare (Kigalitoday)

Yongeyeho ati : "Ahubwo amakuru avuga ko yari arwaye, abo bazamutse mu rugo rwe bavuga ko yari adundeje imbere y'umuryango we cyangwa hehe, wenda akagenda yiruka, bakamuhirika bakamuhutaza. Kirazira ntabwo nageze iwe."

N'ubwo uyu muyobozi mu Kagari avuga ko atigeze akubita uwo mukecuru, twasanze Nyiramanegurwa aho arwariye ku Kabutare yemeza uburyo yakubiswe n' uwo muyobozi ushinzwe imibereho myiza mu Kagari bakunze kwita ngo ni Sociale.

Yagize ati : "Nari mvuye mu kabande, ndakingura ninjira mu nzu hanyuma numva abantu bavugira hanze, ubwo nsubira inyuma njya kureba. Hanyuma nkingura urugi rwari rwegetseho mbona ni sociale uwo nguwo. Ndamubaza nti ese ni amafaranga uje gutwara ? Nti ntayo mfite, nzayaguha ninyabona. Nuko ankubita ikofi maze nikubita hasi ngaramye. Yampoye amafaranga ya mutuelle."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mbazi Mukamudenge Claudine we yirinze kugira icyo atangaza kuri iki kibazo. Akaba avuga ko ibyaba byiza ari ugutegereza umwanzuro uzatangwa n'inzego z'ubutabera kuko ngo iki kibazo zatangiye kugikurikirana.

Uyu mukecuru Nyiramanegurwa yahutajwe mu mpera z'ukwezi kwa mbere nk'uko byemezwa n'abaturanyi be, ngo yabanje kujyanwa ku Kigo Nderabuzima cya Tare nyuma yohererezwa ku bitaro bya Kabutare aho yageze ku itariki 27 z'ukwezi gushize akaba ari naho akirwariye.

**Inkuru dukesha ORINFOR**